# INYANDIKO- MVUGO Y'INAMA YA MINISITIRI N'ABAKOZI BO MURI MIJESCAFOP. 30/04/1998

K'ubutumire bwa Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo , Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse, Abayobozi bitabiriye Inama yatangiye saa tatu za mu gitondo.

K'umurongo w'ibyigwa hari ibi bikurikira :

- Kureba impamvu amavuta (mazout na Essence) byabuze kandi hari hatanzwe amabwiriza yo gushaka litiro 1000 za Mazout na 700 za Essence.
- Kureba igituma telefone zakaswe kandi tutabuze ibyo kwishyura.

Atangiza inama, Minisitiri yibukije ko ahora asaba abakozi ko batahora bakorera muri crise, ko bagomba gukorera ibintu igihe kandi neza. Yavuze ko biteza isoni Service igihe bayikatiye nka telefone.

**Ku ngingo ya telefone**, Minisitiri yasabye DAAF gusobanura impamvu atishyuye mbere y'uko Rwandatel iyikata. DAAF yashubije ko yabonye facture tariki ya 23 hanyuma agakorera note Ordonnateur-Trésorier, hanyuma ndetse na Ordre de Paiement igakorwa kuli 27 Mata 1998. Akavuga rero ko kuri we abona wenda icyatumye bafunga telefone ali uko atigiriye muri Banki Nkuru y'Igihugu ngo afate urupapuro rwita « Virement de Compensation » ngo hanyuma arwijyanire kuri Rwandatel.

Minisitiri yarangije iyo ngingo ategeka DAAF ko ahita ajya gufunguza telefone bitarenze saa sita.

**INGINGO IREBANA N'AMAVUTA .**

Minisitiri yasabye Charroi kubwira abari mu nama uko amavuta ya litiro igihumbi ya Mazout na Litiro 700 ya Essence yatanzwe.

Dore uko Charroi yabivuze :

**MAZOUT**

| TALIKI | LITIRO | IMODOKA |
|---|---|---|
| 22/04/1998 | 70 | Imodoka NISSAN itwarwa na GASANA |
| | 20 | Imodoka ya MUSEMA |
| | 70 | Imodoka N° 0504 ya Damascène. |
| | 30 | Imodoka N°0490 ya Jean Paul |
| 23/04/1998 | 20 | Imodoka ya S.Général |
| | 20 | Imodoka A 1070 ya Courrier. |
| | 60 | Imodoka n° 0504 ya Damascène. |
| 24/04/1998 | 20 | Imodoka N° 0764 ya Gaspard. |
| | 50 | Véhicule Ministre par GASANA |

| TARIKI | LITIRO | IMODOKA |
|---|---|---|
| | 20 | Imodoka N° 1070 ya Courrier. |
| | 20 | Imodoka NISSAN yo kwa Minisitiri itwarwa na GASANA. |
| | 40 | Imodoka N°1070 ya Courrier. |
| | 40 | Imodoka N° 0504 ya Damascène. |
| | 20 | Imodoka n° 1070 ya Courrier. |
| 25/04/1998 | 70 | Ségéral |
| | 80 | Imodoka N° 504.ya Damascène |
| 27/04/1998 | 30 | Imodoka n° 764 ya Gaspard |
| 28/04/1998 | 60 | Imodoka NISSAN yo kwa Minisitiri itwarwa na GASANA. |
| | 20 | Imodoka n°764 |
| | 20 | Imodoka n°1070 ya Courrier. |
| 28/04/1998 | 60 | Imodoka n° 0504 ya Damascène |
| | 40 | Imodoka n° 627 ya KANYANGE. |

**ESSENCE.**

| TARIKI | LITIRO | IMODOKA |
|---|---|---|
| 22/04/1998 | 60 | Imodoka NISSAN ya NGABO |
| | 40 | Imodoka ya Jovin |
| | 60 | SUZUKI ya MUKIMBIRI |
| | 60 | Imodoka n° 0490 ya Paterne |
| | 40 | Imodoka ya Papadic |
| | 40 | SUZUKI MUKIMBIRI |
| | 60 | Imodoka William |
| | 20 | Moto ya Alphonse wa Logistique |
| | 60 | Encadreur HAKIZA. |
| 23/04/1998 | 40 | KAREMERA imodoka n° 0441 |
| | 20 | DAAF Imodoka n° 9850 |
| 24/04/1998 | 20 | SUZUKI ya MUKIMBIRI |
| | 60 | NISSAN ya Jovin |
| | 40 | Imodoka ya Gédéon |
| 25/04/1998 | 20 | DAAF |
| | 20 | Jovin. |

**INYIGISHO IVA MURI IRIYA MITANGIRE Y'AMAVUTA CYANE CYANE MAZOUT.**

- Biragaragara ko 75 ku ijana by'amavuta yatanzwe yagiye muri Cabinet.
- Amabwiriza y'imitangire ya Essence ntabwo yubahirijwe ni ukuvuga litiro 10 mu munsi ku Bayobozi.
- Abashoferi bakabije ni Damascène na GASANA. Abari mu ma nama basabye ko hakorwa iperereza bakamenya niba ariya mavuta akoreshwa yose koko mu mirimo y'abakoresha babatumye.

Abari mu nama bamaze kungurana ibitekerezo basabye ibi bikurikira ko byakurikizwa :

- Amavuta y'imodoka litiro 100 yahabwa imodoka Minisitiri agendamo buri cyumweru.
- Izindi modoka ebyiri zo kwa Minisitiri zahabwa imwe litiro 40, indi 40 buri cyumweru.
- Imodoka y'umunyamabanga Mukuru izajya ihabwa litiro 100 mu cyumweru.

- Bons z'amavuta zizajya zihabwa abanyamabanga ba Minisitiri, n'abo mu Bunyamabanga Bukuru bakazisinyira.
- Abayobozi bakomeza guhabwa litiro 60 mu cyumweru nkuko byari bisanzwe kandi kuri bo inama yasanze bikorwa neza. Bons zabo zizajya zihabwa abanyamabanga babo
- Abari mu nama basanze ko biramutse bigaragaye ko Damascène na GASANA bakoresheje amavuta menshi nabi, kandi badafite ubutumwa bw'ababategeka bagomba guhanwa bavanwaho icya kabiri k'umushahara wabo w'ukwezi kwa gatandatu.
- Abari mu nama basabye ko Charroi yakwandikirwa ibaruwa imugaya kubera ubushishozi buke yagize agatanga amavuta menshi ku bashoferi bamwe atagenzuye impamvu.
- Abari mu nama basabye Charroi ko mbere yo gutanga amavuta ku Bayobozi b'Urubyiruko muri Perefegitura, yajya abanza akabaza Inosenti ushinzwe ubwo Buyobozi kuko ariwe wamuha Lisiti yabo yuzuye.
- Kugirango Rwandatel itazongera kudufungira telefoni, abari mu nama basabye DAAF ko yajya atarenza tariki ya 20 ataratanga ibisabwa byose ngo telefone zishyurwe. Ibi birashoboka kubera ko fagitire zikunze gusohoka kuri 15 za buri kwezi.
- Ikindi cyasabwe ni uko ibikenewe ngo imishahara y'abakozi ibonekere igihe byajya bitangirwa kare.
- Encadrement prefectoral 25 l/Semaine.

**Umwanditsi**

**KAREMERA Petero**

Ce. Ce 27.10.97

REPUBLIQUE RWANDAISE

Kigali, le 13/10/1997

N° 1168/21.00

MINISTERE DE LA JEUNESSE
DE LA CULTURE, DES SPORTS
ET DE LA FORMATION
PROFESSIONNELLE
B.P. 1044 KIGALI

Ku Muyobozi w'Ishami
ry'Ibikorwa rusange

**IMPAMVU: ISARANGANYWA N'IMICUNGIRE BY'AMAMODOKA**

Nk'uko byemejwe muri iki gitondo, amamodoka yavuye mu magarages asaranganyijwe mu buryo bukurikira :

1. Kombi ihawe ikigo cya GACULIRO
2. Land cruiser yavuye muri MINUAR ihawe ubuyobozi bwa Gaculiro
3. Minibus (Mitsubishi) ihawe umushinga wa karani-ngufu
4. Nissan Pick up yakoreshwaga na MURAGWA Vincent yeguriwe ishyirahamwe C.V.C
5. Suzuki na Corolla biri muri DAAF, imwe iragumana DAAF, iyindi isubizwe muri Cabinet ijye itwara amabaruwa itahane n'aba secrétaires ba Cabinet.
6. Camion igomba gucungwa n'ubuyobozi bw'ibikorwa rusange (services généraux). Kimwe na Minibus Nissan itwara abakozi. Abayobozi bazajya bacyenera izo modoka mu mirimo ya Minisiteri bagomba kuzisaba Umuyobozi wa services généraux.

**ICYITONDERWA**: Abashoferi kimwe n'abandi bakozi barebwa na services za DAAF kubirebana na dosiye n'imishahara yabo. Ku byerekeye imirimo bakora bagomba kugira ubuyobozi babarizwamo, akaba aribwo bubagenera imirimo ya buri munsi. N'ukuvuga ko aribwo bunabakurikirana, bugashobora no kubahana igihe bibaye ngombwa.

Ibi bigomba gusobanurirw'abo bireba bose kandi bigahita bishyira mu bikorwa iyi baruwa ikikugeraho.

Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo
Umuco no Kwigisha Imyuga Ngiritse

Dr. Yakobo BIHOZAGARA

**BIMENYESHEJWE:**
- Umunyamabanga Mukuru muri MIJESCAFOP
- Directeur de déplartement (bose)
- DAAF
- Bwana Gasipari KAYIJUKA
  Umuyobozi w'ikigo cya GACULIRO

**REPUBULIKA Y'URWANDA**

**MINISITERI Y'URUBYIRUKO,**
**SIPORO,UMUCO NO KWISHA**
**IMYUGA ICIRIRITSE**
**BP 1044- Kiga**

## Carnet de Bord : Agatabo mperekeza k'Umushoferi

Caractéristiques du véhicule

No plaque :
Service :
Chauffeur :

| Date | Heure de départ | Itinéraire Aho igiye | Kilométrage au départ | Motif du déplacement | Personnes à bord : effectif | Autorisée par : Nom et prénom signature | H. de retour | Kilométrage au retour | Observa-tion |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | | | | | |

## ***APPEL DE FONDS/MIJESCAFOP DU 21/05/98***

| *N°* | *REQUERANT* | *MOTIF* | *MONTANT (FRW)* | *IMPUTATION* |
|---|---|---|---|---|
| 1. | NKURANGA Joseph | Vente Toyota Corolla RR 8186A | 1.800.000 | Cpte fonctionnement |
| 2. | Direction des sports | Stage de formation des animateurs sportifs | 828.800 | Cpte fonctionnement |
| 3. | Projet IEC/SIDA | Séminaire de formation sur la santé des jeunes | 1.099.300 | Cpte Projet IEC/Santé des jeunes |
| 4. | MUNYAMBO Claudien | Mission en Zambie (Kitwe) | 1/3 des frais de mission | ? |
| 5. | CFJ NDAGO | IIème tranche pour la réhabilitation du centre | 1.430.000 | Cpte APTACS |
| 6. | ? | Achat du matériel d'installation du générateur du CFJ GITUZA | 138.200 | Cpte APTACS |
| 7. | PROJET APTACS | Prime des agents | 1.260.000 | Cpte APTACS |
| 8. | CFJ GITUZA | Dettes envers les tiers | 563.590 | Cpte APTACS |
| 9. | PROJET APTACS | Achat carburant pour les générateurs des CFJ | 1.840.000 | Cpte APTACS |
| 10. | PROJET APTACS | Achat 20 rouleaux de fil barbelé pour la clôture des 4 centres | 320.000 | Cpte APTACS |
| | | | | |
| **TOTAL CPTE FONCTIONNEMENT** | | | **2.628.800** | |
| **TOTAL CPTE APTACS** | | | **5.551.790** | |
| **TOTAL CPTE IEC/SANTE DES JEUNES** | | | **1.099.000** | |
| **POUR MUNYAMBO Claudien** | | | **à chercher** | |

# INYANDIKO MVUGO Y'INAMA YAHUJE MINISITIRI N'ABAYOBOZI B'IMIRIMO MURI MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE TALIKI YA 21/5/98

Inama yo ku wa 21 Gicurasi 1998 yari ihuje Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse n'Abakuru b'Imirimo muri iyo Minisiteri.
Inama yatangiye saa ine za mu gitondo, isubika zimwe mu ngingo zari ziteganyijwe saa munani n'igice.

## IBYARI KU MURONGO W'IBYIGWA

1. Kutubahiriza amasaha y'akazi yagenwe n'Abayobozi n'Abayoborwa ba MIJESCAFOP
2. Amakimbirane mu mikoranire y'Amashami agize inzego za MIJESCAFOP n'umuti wayo.
3. Imicungire y'Imodoka za Leta n'Amavuta zikoresha.
4. Isubirwamwo ry'ingengo y'Imali nyuma y'amezi atandatu itowe.
5. Ibindi

## UKO IMIRIMO Y'INAMA YAGENZE

Mbere yo gutangira kwiga ingingo ku yindi, Minisitiri yamenyesheje abari mu nama ko kuva mucyumweru gitaha, ingingo zizajya zigwa mu nama za buri wa mbere, zihuza Minisitiri n'Abayobozi b'Imirimo, zizajya zibanza kugezwa ku Munyamabanga Mukuru, kugira ngo gahunda ikorwe ishingiye ku bibazo byaturutse mu nzego z'Imirimo.
Nyuma y'ayo mabwiriza, hahise hakurikiraho iyigwa ry'ibibazo byateganyijwe :

## 1.KUTUBAHIRIZA AMASAHA Y'AKAZI KA LETA YAGENWE KW'ABAYOBOZI N'ABAYOBORWA BA MIJESCAFOP

Kuri iyo ngingo,Minisitiri yabanje kwibutsa zimwe mu ngamba zafashwe zari zigamije kugarura abakozi mu nzira nziza, ariko byabaye kugosorera mu rucaca kuko ingeso yo gukererwa yanze ikaba akarande.Ibyo bigaragara mbere na mbere ku rwego rw'Abayobozi, nyuma no ku bakozi.
Minisitiri yabwiye abari mu nama ko atirengagije amasaha y'ikirenga ashobora gukorwa n'Abayobozi, mu gihe bataha batinze cyangwa bagakora muri week-end ; ibyo ariko ntibyagombye kubibagiza uruhare bafite mu gutanga urugero rwiza, batangirira akazi ku masaha yemejwe n'amategeko, ibyo kandi byatuma bamenya abakozi bacyerererwa n'abazira igihe. Uretse icyo kibazo cyo gucyererwa, abari mu nama bagaragaje ko abakozi bakeneye amahugurwa ahoraho ajyanye n'imirimo bakora, n'igihe tugezemo.

Nyuma yo kungurana ibiterezo kuri iyo ngingo, hafashwe ibyemezo bikurikira :
-Abayobozi bakwiye kwiminjiramo agafu bakiyemeza kujya batangirira akazi ku masaha yashyizweho n'amategeko.
-Abayobozi bagomba guhita bakorana inama n'abakozi bakabagezaho ibyerekeranye no kubahiriza amasaha y'akazi n'andi mategeko agenga abakozi ba Leta.
-Abakozi bakwiye gutozwa gukunda akazi n'igihugu cyababyaye.
-Umushinga wateguwe n'Umunyamabanga Mukuru wo guhugura abakozi mu burere mboneragihugu , « management » no kugezwaho gahunda y'ibikorwa bya Minisiteri, washyigikiwe n'abari mu nama; ibyerekeranye n'amafaranga azakenerwa, dushobora gusaba inkunga muri MIFOTRA

## 2. AMAKIMBIRANE MU MIKORANIRE Y'AMASHAMI AGIZE INZEGO ZA MIJESCAFOP N'UMUTI WAYO.

Iyo ngingo irajya gusa n'iya mbere ku byerekeye inkomoko y'ibibazo, biterwa ahanini ni ukutamenya amategeko.
Minisitiri yatanze ingero zimwe na zimwe zerekeranye n'ayo makimbirane ashyamiranya bamwe mu bahuriye muri service imwe n'abandi basimbuka inzego mu kumenyesha ibibazo byabo. Kuri iyi ngingo, Minisitiri yavuze ko hari n'ibindi bibazo bituruka mu nzego zo hanze, zisesera muri service za DAAF, aho gukorana na système yemewe yashyizweho muri Minisiteri. Ibi byakunze kugaragara ku bantu bazana factures zishyuzwa bagahita bazijyana muri DAAF, zidaciye mu nzego zo hejuru.

Imyanzuro kuri icyo kibazo

- Umuyobozi w'Imirimo Rusange asabwe kuvugurura imikorere y'Abakozi bakora mu mashami agize ubwo Buyobozi.
-Umuco w'inzego zisesera mu zindi ugomba gucika burundu.
-Nta factures zizongera kwoherezwa muri DAAF zidaciye mu nzego zo hejuru, ari na zo zitanga amabwiriza (instructions).
-Amadosiye yose yinjira mu buryo bufifitse (occultes) ntazasubire.
-Kwihaniza abakozi ingeso yo kujagata mu ma services badakoramo no gusimbuka inzego.
-Kuvugurura imikorere hagati ya za Departement; kuri iyo ngingo Umunyamabanga Mukuru yasabwe gukoresha inama izahuza Abayobozi b'Imirimo, Abayobozi b'Amashami n'Abayobozi b'Imishinga.

## 3. IMICUNGIRE Y'IMODOKA N'AMAVUTA ZIKORESHA

Kuri iki kibazo ibyerekeye imicungire y'imodoka za Leta, bizigwa mu nama yihariye. Naho iby'amavuta akoreshwa, hemejwe ibi bikurikira:
Ihame ryemeranijwe ho ryo gutanga litiro 10 ku munsi kuri buri modoka ntiryahindutse. Bashingiye kuri iyo « quota », buri Buyobozi buzajya buhabwa amavuta y'amezi abiri cyangwa arenzeho, hakurikijwe amavuta yose yahawe Minisiteri n'igihe azamarira. Andi asigaye ya za missions n'indi mirimo idasanzwe ishobora kuboneka, azajya atangwa n'Umuyobozi w'Imirimo Rusange, akurikije ibyemezo byumvikanyweho mu manama anyuranye. Buri Muyobozi azajya atanga raporo y'ikoreshwa ry'Amavuta yahawe Departement ye.

## 4.ISUBIRWAMO RY'INGENGO Y'IMALI NYUMA Y'AMEZI ATANDATU ITOWE

Minisitiri yasabye ko hahita hatangira Raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imali twahawe mbere y'isubiramo ryayo riteganyijwe muri Kamena 1998 ; Minisiteri yacu ntigomba guhora ari iya nyuma mu gutanga za Raporo. Uwo murimo washinzwe Umunyamabanga Mukuru, Umuyobozi w'Imirimo Rusange na DAAF.

## 5. **IBINDI**

Ibyari biteganyijwe.

-Appels de fonds
-Umushinga IGA wo muri Jeunesse
-Finales interscolaires
-Fiche de contrôle de transmission des dossiers (Fishi ngenzura y'ihererekanywa ry'amadosiye)
-FESPAD

Kubera amasaha yari akuze, ingingo zose ntizashoboye kwigwaho, zimwe zarasubitswe.

Ibyerekeye appels de fonds

Amafaranga yemerewe gusohoka ni aya :

1.800.000 Frw ya NKURANGA Joseph (vente TOYOTA COROLLA RR 818)
826.800 Frw (Stages de formation des animateurs sportifs)
1.099.801 Frw (séminaire de formation sur la santé des Jeunes)
138.802 Frw (achat des matériel d'installation du générateur du C.F.J Gituza)
138.803 Frw (prime des agents du Projet APTACS)
563.804 Frw (dettes envers les tiers C.F.J Gituza)
320.000Frw (achat de 20 rouleaux de fils barbelés pour la clôture de 4 centres)

Imbyerekeye amafaranga agomba guhabwa MUNYAMBO Claudien bemeje ko azahabwa forfait ya 40 $ U S ku munsi, naho 1/3 cy'amafaranga ya mission yagihabwa ari uko yerekanye ordre de mission. Bemereye umushinga IGA gusohora amafaranga 78.000 kuri compte yayo.

Bikorewe I Kigali, ku wa 23 Gicurasi 1998

Umwanditsi

KANYANGE Anne Marie

Kanyange

# Inyandiko isobanura inama nyafurika y'abategarugori ku mahoro, uburinganire bw'ibitsina n'amajyambere izabera i Kigali mu kwezi kwa Werurwe 1996.

## I. IRIBURIRO

U Rwanda ruvuye mu bihe bikomeye byaranzwe n'itsembabwoko n'itsembatsemba byo muri Mata 1994. Ayo marorerwa yaturutse ku nyigisho mbi abanyarwanda bahawe n'Abakoloni igihe bageragezaga kubatandukanya bitwaje amoko. Nyamara kera igihugu cyacu cyarangwaga n'ubumwe; imiryango inyuranye aho kuryana ikanywana bityo ikuzuzanya maze bikayihuza.

Itsembabwoko ryagiye rigaragara kuva muri 1959, ryabaye agahomamunwa muri 1994, abantu barapfa, abasigaye baramugara, abandi barahunga. Ayo marorerwa yabaye amahanga arebera maze abanyarwanda bo ubwabo baza kuyahagarika bityo bagarura icyizere cy'ubuzima mu gihugu.

Muri iyi minsi u Rwanda rwahagurukiye kongera kwiyubaka, rugerageza kugera ku bwiyunge bw'abarutuye, itahuka ry'impunzi, isanwa ry'ibyasenyutse n'ibindi. Imyaka ibiri ishize ibikorwa nk'ibyo bitangiye, yerekanye intambwe igihugu kimaze gutera maze hagaragara by'umwihariko ko n'Abanyarwandakazi babigizemo uruhare runini.

U Rwanda rwifuza kugeza ku Banyafurika n'abandi bantu batuye iyi si inyigisho rwakuye mu marorerwa rwahuye na yo kugirango amahano yarugwiririye atazagira ahandi aba. Ni muri urwo rwego urugaga rw'imiryango igamije guteza imbere umunyarwandakazi « Pro-femmes TWESE HAMWE », Komite ngishwanama y'abategarugori mu rwego rw'igihugu na Minisiteri y'Umuryango no guteza imbere Umunyarwandakazi bategura inama nyafurika ku mahoro, uburinganire bw'ibitsina n'amajyambere izabera i Kigali kuva kuwa mbere kugeza ku wa gatatu Werurwe 1997.

Inama yatekerejwe n'impuzamiryango Pro-femmes TWESE HAMWE mu migambi yayo yo kwamamaza igikorwa cy'amahoro. Igitekerezo cyavuye mu ihuriro ryabereye i Dakar mu gihugu cya Senegali mu Ugushyingo 1994; icyo gihe intumwa z'u Rwanda zerekanye ko zishishikariye gushaka amahoro no kurwanya ikintu cyose cyahohotera ikiremwa muntu. Nyuma y'iri huriro hari inama mpuzamahanga yabereye mu Buholandi muri Mutarama 1996 maze isaba ko muri buri mugabane w'isi hagiririrwa inama yo gutekereza ku nteruro « igitsina, amakimbirane n'amajyambere ».

Impuguke z'inama z'akarere k'Afurika ihuza ibikorwa bijyanye n'imyanzuro yavuye mu ihuriro ry'i Beijing zahuriye Addis-Abeba muri Werurwe 1996 zemeza ko inama nyafurika y'Abategarugori ku mahoro, uburinganire bw'ibitsina n'amajyambere izabera i Kigali mu Rwanda kubera itsembabwoko ryahabaye. Inama ya 64 y'abaminisitiri ba O.U.A yabereye i Yaoundé muri Cameroun muri Nyakanga 1996 yemeje ibyo za mpuguke zagennye maze muri Nzeri 1996, Guverinoma y'u Rwanda yiyemeza kuzakira no gushyigikira iyo nama.

Koko rero, itsembabwoko ryoretse u Rwanda ryerekanye ko iyo Leta n'ubutegetsi bubi byahaye intebe amatwara atandukanya abantu aho gushyigikira ibikorwa by'iterambere, igihugu gipfa, kikagera ubwo gisigara ari umwirare. Ayo mahano, uretse ko hari ibihugu agenda yototera nka Tchad, Soudan, Somaliya, Liberiya, u Burundi, Zaïre n'ibindi, ashobora gukwira hose, hadafashwe ingamba zihamye zo kuyamagana no kuyarwanya hakiri kare.

## II. ICYO INAMA IGAMIJE

Iyi nama ikurikira iyahuje abategarugori b'isi yose i Beijing muri Nzeri 1995. Izatuma abategarugori bo muri Afurika muri rusange n'abo mu Rwanda by'umwihariko bagena uruhare rwabo mu kwimakaza amahoro no gukemura amakimbirane. Uwo muco w'amahoro ugomba kujyana n'ibikorwa bitsura amajyambere bishingiye ku buringanire bw'ibitsina n'ubutabera busesuye mu mibereho n'imitekerereze y'abantu.

Abanyarwandakazi barifuza guhuza imbaraga zabo n'iz'abandi banyafurikakazi kugirango bubake Afurika itekanye, barwanire amahoro, amajyambere n'ubukungu by'abagore n'abagabo.

Inama irangiye, abayitabiriye bo mu bihugu by'Afurika n'ahandi bazumvikana ku buryo bwo gukurikirana no gusuzuma uko amahoro, uburinganire bw'ibitsina n'amajyambere bizimakazwa. Ibyo bizashoboka ari uko abagore n'abagabo bahawe amahirwe angana yo gukoresha ubushobozi bwabo, mu kwizamura no guteza imbere igihugu.

Inama izagaragaza inshingano za buri wese kugirango habeho kubwirana ukuri, guhana amakuru no kugena urwego rw'ubufatanye hagati y'abafata ibyemezo mu butegetsi bwite bwa Leta, imiryango itegamiye kuri Leta, abanyemali n'imiryango mpuzamahanga kuko bose barebwa n'igikorwa cyo kwimakaza umuco w'amahoro haba mu rwego rw'igihugu, urw'akarere cyangwa umugabane w'isi.

Inama izibanda ku myanzuro yavuye mu manama yayibanjirije (i Dakar, Addis-Abeba, Kampala n'izindi) maze ishimangire ishyirwa mu bikorwa ryayo ku bireba umutegarugori, amahoro n'amajyambere. Hazafatwa ingamba n'uburyo umutegarugori yakumira amakimbirane, uko yayakemura n'uko yakwimakaza amahoro.

Inama igamije ubufatanye hagati y'ibindi bihugu by'Afurika cyane cyane mu bihe by'amahina no kongera umubano w'umugabane wacu n'imiryango mpuzamahanga.

Inama izasesengura kandi impamvu zitera amakimbirane kugirango izumve neza maze ishyireho uburyo bwo kugera ku mahoro arambye muri Afurika ashingiye ku bufatanye n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu bikorwa by'ingeri zose bigamije amajyambere ahamye kandi ahoraho.

## III. IBIKORWA BITEGANIJWE

Uretse ibikorwa bitegura inama bizabera mu bihugu byose bigomba kuyizamo, mu Rwanda hazakorwa ibikurikira:

- Inama njyampaka zizabera mu nzego zose (kuva kuri perefegitura kugera mu nzego z'iremezo). Abanyarwanda bose bazatanga ibitekerezo bijyanye n'ibyo inama igamije. Ba perefe bazashyiraho amatsinda ategura ibiganiro bigamije kugisha inama abo bayobora.
- Gukangurira abanyabugeni n'ubukorikori kwitegura imurika-gurisha rizaba igihe cy'inama.
- Kurarika abahanzi n'abahanga b'imikino gakondo ngo bazakore ibitaramo bya kinyarwanda banerekane uko bumva amahoro.

  ***Icyitonderwa:*** Hateganijwe amarushanwa y'abahanzi b'ingeri zose. Interuro ni « *amahoro, uburinganire bw'ibitsina n'amajyambere* ».

  Igihe cy'inama nyirizina, hazaba ibikorwa byinshi bigamije kugaragaza ishusho y'u Rwanda kugirango amahanga arumenye n'imiryango mpuzamahanga ikangurirwe kurushyigikira:

- Gusura i Ntarama, hamwe mu habereye itsembabwoko n'umudugudu w'amahoro witiriwe Nelson MANDELA.

- Kwerekana ibinyaruka (Sinéma) ku Rwanda no ku zindi nararibonye zo gukemura amakimbirane.
- Gutarama kinyarwanda
- Gutunganya igitaramo cy'amahoro cy'abaririmbyi ku bavuye imihanda yose, kumurika no kugurisha ibikorwa binyuranye by'abari n'abategarugori.

Hazaba ibiganiro mbwirwaruhame bizagibwaho impaka mu matsinda n'abazaba bari mu nama.

Insanganyamatsiko zitegurwa zishamikiye ku nteruro rusange « AMAHORO, UBURINGANIRE BW'IBITSINA N'AMAJYAMBERE ».

1° Ibihe by'ingenzi by'amateka y'u Rwanda n'inyigisho twabivanamo.
2° Uruhare rw'inzego z'ubutegetsi bwa Leta n'iz'ubutwererane n'amahanga mu gushyira mu bikorwa intego y'amahoro, uburinganire bw'ibitsina n'amajyambere.
3° Uruhare rw'abanyemali, imiryango itagengwa na Leta cyane cyane iy'abari n'abategarugori mu bikorwa by'amahoro, uburinganire bw'ibitsina n'amajyambere.
4° Akamaro k'umuco gakondo mu gukumira no gukemura amakimbirane, kugarurira agaciro ubumuntu no gusabanya abatuye umugabane w'Afurika.
5° Uruhare rw'itangazamakuru mu bikorwa byo kwimakaza « Amahoro, uburinganire bw'ibitsina n'amajyambere ».

***Icyitonderwa:*** Hatenijwe interuro y'integuza y'izindi izavuga ku mutegarugori mu isi yose: ingorane bahuye n'uruhare yagize bityo mu matsinda bakaziga ibibazo bagusha ku mutegarugori: icyo yakora, icyo yakorerwa n'ibindi ...

**UMWANZURO**

Inama izaba uko izategurwa. Niyo mpamvu buri munyarwanda yari akwiye kwiyumvamo ishema n'ishyaka ryo gutanga inkunga ye kugira ngo INAMA izagende neza itugeze no ku myanzuro twifuza.

Muri urwo rwego, inama n'ibiganiro byo mu mapeferegitura bigamije gukangurira abanyarwanda bose intego z'iyi NAMA maze imyanzuro n'ibyifuzo byabo bikazafasha mu kunoza inyandiko zizashingirwaho mu gufata ingamba zijyanye n'ibibazo bizigwa mu nama nyirizina.

Abashinzwe itangazamakuru bazamamariza mu nsakazamajwi, mu mbonesha kure n'inyamakuru, ibikorwa byose bizaba, bityo buri munyarwanda azumve ko iriya nama imureba kandi yumve akamaro izamugirira.
Afurika yose n'andi mahanga azaba ateraniye mu NAMA bizamenya neza ibibazo by'u Rwanda banagaragarizwe ibikorwa byagezweho mu gusana igihugu no kubanisha abanyarwanda haba mu rwego rw'ubukungu, uburezi n'umuco, ubugeni, ubukorikori n'ikoranabuhanga ndetse no mu matwara y'ubutegetsi na politiki.

Radio na Televiziyo zabo bizaba birangamiye igihugu cyacu, tukaba tutagomba kwitesha urubuga nk'urwo kugirango tugarure isura nziza y'igihugu , twerekane n'imiyoboro yatuma inkunga dukeneye iboneka bityo tuzashobore kugera ku ntego y'Amahoro, uburinganire bw'ibitsina n'amajyambere.

---

## Ibitekerezo fatizo mu biganiro bizabera mu matsinda.

1. Kugaragaza Inkomoko n'ingaruka z'itsembabwoko n'itsembatsemba ryabaye mu Rwanda muri 1994 n'umuti wo kubica burundu.

2. Kuvuga uburyo twumva amahoro, uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi mu majyambere.

3. Kwerekana ingamba zafatwa kugira ngo amajyambere ashingiye ku mahoro, uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi agerweho.

## ACTIVITES CULTURELLES.

La Commission Culture et Arts s'est reunie tous les mardis à 15 heures dans la salle 8 du Mifaprofe.

-Identification et contact des groupes culturels nationaux : Messieurs.Murayire Protais et Kalisa Rugano se concerteront pour produire un spectacle à la hauteur de la Conférence

-Des groupes culturels internationaux et certains artistes ont été contactés par la mission de Pro-Femmes qui s'est rendue à Paris pour la remise du prix de la tolérence par l'Unesco et par Mr.Gakunzi David.Nous attendons leurs rapports.

-Identification des activités socio-culturelles et économiques et organisation des stands.Agnès Kayijire devrait réunir Pro-Femmes et la Chambre de Commerce pour une mise au point du programme.

-Identification du local pour la soirée culturelle:difficultés pour la salle du Centre Culturel Français encore en réparation.Autre lieu non encore identifié.

-Production des porte-documents pour les participants:Shema Xavérine a lancé un appel d'offres pour les échantillons.

-Production du dépliant,des poèmes,légendes,recettes culinaires,culture rwandaise.Il a été proposé de prendre contact avec Mr.Kalisa Rugano et son équipe pour la conception du dit dépliant.Nous attendons ses propositions.

-Le logo de la Conférence est pret.

-Le retard de l'impression du logo a bloqué les contacts avec l'usine Utexrwa pour la production des T-shits et des pagnes portant le logo de la Conférence.

-La devise de la conférence n'est pas encore trouvée.Cette absence retarde le processus de production de plusieurs articles(T-shirts,pagnes,porte-documents,dépliants etc..)sur lesquels elle devrait etre imprimée.C'est une priorité absolue.

-Le Comité de Coordination s'est chargée de l'organisation et de la coordination des programmes dans les Préfectures.Ces déplacements dans les Préfectures sont prévus pour les 26 et 27 Décembre 96.

-Le mouvement d'ensemble pour la conférence a été annulé compte tenu des difficultés de réalisation et du temps limité.

-Le Comité de Coordination de la Conférence devrait disponibiliser rapidement les fonds pour l'éxécution des divers travaux .

-Mr.Gakunzi David n'a assisté à aucune réunion de la Commission.Il devrait faire un effort pour participer .

**Invandiko - mvugo y'inama ya cyenda itegura kwibuka inzirakarengane zazize itsembabwoko n'itsembatsemba ryo muri Mata 1994.**

Inama yabaye ku itariki ya 19/ 3/ 1999.Yari iyobowe na Bwana Kanamugire Ludoviko Umuyobozi w'Ishami ry'Urwibutso rw'Itsembabwoko n'Itsembatsemba. Yatangiye isaa ine n'igice irangira saa saba.

**Abaje mu nama ku wa 19/ 3/ 1999**

| | |
|---|---|
| 1. Ntiganzwa Juvénal | Pont et Chaussées |
| 2. Kayobotsi Prote | MIJESCAFOP |
| 3. Kalima J.Malic | MINAFFET / Protocole |
| 4. Rutagwendeka Fidèle | MIJESCAFOP |
| 5. Munyampeta Victore | Projet Education à la Paix |
| 6. Rutazibwa Bernardin | MIJESCAFOP |
| 7. Munyazikwiye Théogène | P.A.E |
| 8. Uwera Christine | MIJESCAFOP |
| 9. Mukabanana Angèline | MIJESCAFOP |
| 10. Rusanganwa Frédéric | MIJESCAFOP |
| 11. Karangwa Callixte | MIJESCAFOP |
| 12. Ndayizeye Théodore | P.A.E |
| 13. Umutesi Berahino Chantal | MIJESCAFOP |
| 14. Mukabatsinda Christine | MIJESCAFOP |
| 15. Gaju Flavie | C.M |
| 16. Sayinzoga Alphonse | P.C |
| 17. Rutayisire Auréa | MIJESCAFOP |
| 18. Musabyeyezu Sarah | MIJESCAFOP |
| 19. Rumonge Victor | MIJESCAFOP |
| 20. Mutamba Jénérose | MIJESCAFOP |
| 21. Mbabazi Mary | MIJESCAFOP |
| 22. Niyonzima Marthe | MIJESCAFOP |
| 23. Kabano Jacqueline | MIJESCAFOP |
| 24. Umulisa Marie Rose | MIJESCAFOP |
| 25. Twagiramariya Anne | MIJESCAFOP |
| 26. Gakara Flora | MIJESCAFOP |
| 27. Uwantege Louise | MIJESCAFOP |
| 28. Bora Eléonore | MIJESCAFOP |
| 29. Kaberuka P. Claver | MIJESCAFOP |
| 30. Nyirabasirimu Phoëbé | MIJESCAFOP |

| | |
|---|---|
| 31. Nyiramajoro Espérance | MIJESCAFOP |
| 32. Mubumbyi André | MIJESCAFOP |
| 33. Kayigi Théodomir | MIJESCAFOP |
| 34. Butoto Jean | MIJESCAFOP |
| 35. Arlette Ruyonza | C.M |
| 36. Muhoza Christophe | C.M |
| 37. Mutugarugamba | C.M |
| 38. Kanamugire Louis | C.M |
| 39. Nzahumunyurwa Claver | Education à la Paix |
| 40. Munganyinka Eugènie | MIJESCAFOP |

**Ingingo nkuru y'iyo nama** : iyo nama yari igamije kumenya aho imirimo yo gutegura kwibuka inzirakarengane zazize itsembabwoko n'itsembatsemba igeze. Mbere yaho Inyandiko-mvugo y'Inama ya munani itegura kwibuka inzirakarengane iherutse yarakosowe.
Ku rupapuro rwa gatatu rw'iyo nyandiko, ahanditse « Amakorali azaza mu cyunamo cyo kuya 6/03/99 » musome kuya 6/04/99. Byemejwe kandi ko gahunda zo gushyingura iri ku rupapuro rwa gatatu igomba gusubirwamo. Ikindi Umuyobozi w'Inama yongeyeho n'uko kuva ubu Ijambo Isabukuru ritazongera gukoreshwa nka mbere mu magambo akurikira « Isabukuru yo kwibuka inzirakarengane. Hazashakwa ukundi byavugwa. Nyuma yaho Umuyobozi w'Inama yabajije abakozi ba Archives Nationales kuki baje mu nama rimwe gusa ku nama icyenda zigezweho. Bashubije ko batamenyaga ko inama zabaye cyangwa ngo ntibamenyaga aho inama zabereye. Kuri icyo kibazo Inama yemeye ko abo bakozi bazashakirwa akazi muri Komite itegura gushyingura mu cyubahiro.

Uhagarariye MINAFFET nawe yavuze ko ataje mu nama kuko atigeze abona ibaruwa imutumira. Umuyobozi w'Inama yamushubije ko ibaruwa yo gutumira yoherejwe muri MINAFFET hamwe na lisiti y'abatumire 57. Yaboneyeho umwanya wo kumumenyesha ko Perefe wa KIBEHO yasabye ko haba inama i KIBEHO hagati ya MIJESCAFOP, MINAFFET na MINADEF. Ibyo birangiye Umuyobozi w'Inama yagize ati dusuzume ibyagezweho.

**Ibyagezweho**

1. **Abatangabuhamya** : Mu cyumweru cy'Icyunamo ubuhamya buzaba ku buremere bw'Ibyabaye **urugero** :

- I GATANDARA muri CYANGUGU abantu bariye inyama z'abantu
- I MIBIRIZI (CYANGUGU) basatuye abagore batwite babashyiramo abana bazima

Ba Burugumesitiri basabwe gushaka abantu bavuga ubwo buhamya. Intumwa zoherejwe muri IBUKA kubabaza ibyo bagezeho. Abagomba gushaka abo bantu bazagenda ku wa mbere tariki ya 22/03/99.

2. **Ubutumire**

- Lisiti y'abatumirwa yaratanzwe
- Mu bemeje ko bifuza kuza ni aba **PANET na FEST AFRICA**

Aliko se abashaka kuza bazakirwa nande ? (Prise en charge). Bazakirwa na MINAFFET cyangwa MIJESCAFOP ? Izo Minisiteri zombi nta mari zifite yo kwakira abashyitsi. Niyo mpamvu Inama Yakwandikira ba Minisitiri kugira ngo hamenyekane ukuntu abo bashyitsi bazakirwa (prise en charge)

Ibyerekeye karita yo gutumira Umuyobozi w'Inama yasabye ko MINAFFET na MIJESCAFOP bakumvikana k'uburyo bwo kwandika kuri iyo karita mbere yo kuyitanga

3. **Inkunga y'Ikigega FANG**

Iyo nkunga yarasabwe.Hasigaye gukurikirana igisubizo. Iyo nkunga yangana na **5.770.110 FRW** kugira ngo Imari yose igere kuri **10.770.110 FRW** yateganijwe mu kurangiza iyi mihango

4. **Ibikorwa bitegura umunsi wa 7 i KIBEHO**

I KIBEHO itegurwa riragenda neza. Imva ziracukurwa, Igisharagati kizubakwa. Imihanda irategurwa. Ku itariki ya 30/03/99 byose bizaba byarangiye.

**5.** Imodoka 14 Komite (d'organisation) itegura gushyingura izakenera zaratswe. Abamaruwa yaranditswe. Imodoka zo gutwara abashyitsi zigomba kuboneka za Minisiteri zose zikwiye gutanga imodoka. Ibaruwa ikwiye kwandikirwa **ONATRACOM** ngo itange **AMABUS 6** yo gutwara abantu.

**6. Icyumweru cy'Icyunamo**

Ibitambaro **(Banderoles)** na **slogans** birategurwa. Ibaruwa yo gusaba BRALIRWA gutegura Podium yaranditswe aliko ntirasinywa.

Ku byerekeye ibyuma birangurura amajwi i KIBEHO Bernardin RUTAZIBWA azajya muri ORINFOR kureba niba ORINFOR izabyishingira.

**7. Gahunda yo gushyingura**

**Iyo gahunda yarakozwe**

| | AHO BIZABERA | AMATARIKI |
|---|---|---|
| • | GISOZI : P.V.K | 7/04/99 |
| • | BYUMBA : TUMBA | 7/04/99 |
| • | GATARE : CYANGUGU | 7/04/99 |
| • | GISHOMA : CYANGUGU | 6/04/99 |
| • | GIKONGORO : MUBUGA | 7/04/99 |
| • | TAMBWE : GITARAMA | 6/04/99 |
| • | MASANGO : GITARAMA | 7/04/99 |
| • | NYARUBUYE : KIBUNGO | 7/04/99 |
| • | RUTONGO : KIGALI-NGALI | 7/04/99 |
| • | GASHORA : KIGALI-NGALI | 15/05/99 |
| • | KANOMBE : KIGALI-NGALI | 15/04/99 |
| • | BICUMBI : KIGALI-NGALI | 18/04/99 |
| • | KIBUYE (NYAMUGUMBA) | 7/04/99 |
| • | RUBAVU : GISENYI | 7/04/99 |
| • | NKURI : RUHENGERI | 7/04/99 |
| • | MURAMBI :UMUTARA | 7/04/99 |

**Umwanzuro** :

Umuyobozi w'inama yasabye kureba ko amabarwa yo gutumira abazatanga ibiganiro yagize

Gukoresha Computer ya Division ya Secrétariat ngo yunganire abanditsi.

Gutegura ijambo rya Minisitiri discours 3 : iyo gutangira icyunamo, iyo kuya 6 Mata, n'iyo ku ya 7 Mata. Izo discours ziriho zirakorwa.

Gutegura Draft buri kibeho

Gukurikirana note à l`ot. Yagiye 10.770.100 Frw

Umuyobozi w'inama yamenyesheje ko ibyinshi muri byo bitari byakorwa ko bikwiye kwihutirwa.

Bikorewe i Kigali, ku wa 19/03/1999

| | |
|---|---|
| **Umuyobozi w'Inama** | **Umwanditsi w'Inama** |
| **KANAMUGIRE Louis** | **MUTUGARUGAMBA Anaclet** |